REPUBULIKA Y'U RWANDA

MINISITERI Y'ABAKOZI BA LETA N'UMURIMO

REPUBLIC OF RWANDA

MINISTRY OF PUBLIC SERVICE AND LABOUR

Ijambo rya Nyakubahwa RWANYINDO KAYIRANGWA Fanfan, Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo mu Gufungura ku mugaragaro Inama Nyunguranabitekerezo n'Abafatanyabikorwa ku Iyubahirizwa ry'Itegeko rigenga Umurimo mu Rwanda mu Ntara y'Iburasirazuba no Kwizihiza Umunsi Mpuzamahanga w'Ubuzima n'Umutekano ku Kazi

***CITY BLUE EPIC HOTEL AND SUITES*, kuwa 26 Mata, 2018**

P.O. BOX 403 KIGALI E-mail :info@mifotra.gov.rw Website: www.mifotra.gov.rw Follow us on Twitter : @RwandaLabour

- **Nyakubahwa Guverineri w'Intara y'Iburasirazuba;**
- **Bayobozi b'Uturere tugize Intara y' y'Iburasirazuba;**
- **Abahagarariye Inzego z'Umutekano;**
- **Uhagarariye Urugaga rw'Abikorera n'Uhagarariye Amasendika;**
- **Uhagarariye RSSB;**
- **Bayobozi b'Ibigo bitandukanye;**
- **Bakoresha muteraniye hano,**

1. **Muraho neza, nshimishijwe n'umwanya mbonye wo kuganira namwe muri iyi Nama nyunguranabitekerezo ku iyubahirizwa ry'Itegeko rigenga Umurimo mu Rwanda ku rwego rw'Intara y'Iburasirazuba**.

2. **Nanone ku uyu munsi Igihugu cyacu kikaba cyifatanya n'ibindi Bihugu ku Isi Kwizihiza Umunsi Mpuzamahanga w'Ubuzima n'Umutekano ku kazi ubusanzwe wizihizwa ku wa 28 Mata.**

3. **Insanganyamatsiko y'uyu mwaka mu Rwanda igira iti "Uruhare rwa buri wese, Inkingi yo Guteza imbere Ubuzima n'Umutekano ku Kazi"/"*A Multidisciplinary Approach, a key to workplace safety and Health Success".***

P.O. BOX 403 KIGALI E-mail :info@mifotra.gov.rw Website: www.mifotra.gov.rw Follow us on Twitter : @RwandaLabour

4. **Ndashimira Ubuyobozi bw'Intara y'Iburasirazuba, Uturere n'Inzego zitandukanye zagize uruhare mu gutegura iyi Nama mu bufatanye.**

5. **Ndashimira kandi Ubuyobozi bw'Urugaga rw'Abikorera, Ikigo gishinzwe Ubwiteganyirize mu Rwanda, Amasendika ndetse n'Abayobozi b'Ibigo by'Abikorera muri hano ku bufatanye mudahwema kutugaragariza mu bikorwa bitandukanye byo guteza imbere Umurimo.**

6. **Zimwe mu nshingano za Minisiteri y'Abakozi ba Leta n'Umurimo, harimo guteza imbere Umurimo binyujijwe mu ihangwa ry'Imirimo myinshi aho Igihugu cyacu cyihaye icyerekezo cyo guhanga Imirimo 214,000 buri mwaka buri mwaka itanga umusaruro kandi n'imirimo ishingiye ku buhinzi igakorwa mu buryo bw'umwuga.**

7. **Ibi bikaba bizagerwaho binyuze muri gahunda zitandukanye Igihugu cyacu cyashyizeho zirimo, *National Strategy for Transformation (NST)*, *EDPRS* n'izindi.**

P.O. BOX 403 KIGALI E-mail :info@mifotra.gov.rw Website: www.mifotra.gov.rw Follow us on Twitter : @RwandaLabour

8. **Ariko kandi dufite n'inshingano zikomeye zo gushyiraho ingamba zihamye kugira ngo imirimo ihangwa ikorwe mu buryo bunoze by'umwihariko hitabwa ku guteza imbere no kurengera uburenganzira bw'Abakoresha n'Abakozi.**

9. **Ni muri urwo rwego Leta y'u Rwanda yashyizeho Politiki, Amategeko n'Ingamba zitandukanye zigamije guteza imbere Umurimo n'Imikoranire hagati y'Umukoresha n'Umukozi.**

10. **Muri izi ngamba zashyizweho harimo Politiki yo guteza imbere Umurimo, Politiki y'Ubuzima n'Umutekano ku kazi, Politiki yo kurwanya imirimo mibi ikoreshwa Abana, Itegeko ry'Umurimo n'Amateka arishamikiyeho, n'izindi.**

11. **U Rwanda kandi rwashyize umukono ku Masezerano Mpuzamahanga atandukanye yerekeye Umurimo.**

12. **Ibi byose bikaba bigamije guteza imbere Umurimo.**

P.O. BOX 403 KIGALI E-mail :info@mifotra.gov.rw Website: www.mifotra.gov.rw Follow us on Twitter : @RwandaLabour

Bayobozi mwese muteraniye hano;

13. N'ubwo ibi byose byagezweho, haracyagaragara imbogamizi zitandukanye, by'umwihariko kutubahiriza Itegeko rigenga Umurimo mu Rwanda.

14. Zimwe muri izi mbogamizi twavuga:

- **Kutagenera Abakozi amasezerano y'akazi yanditse,**
- **Kudateganyiriza Abakozi,**
- **Kudahembera Abakozi kuri Banke no kutabahembera igihe,**
- **Gusezerera Abakozi mu buryo bunyuranyije n'Amategeko,**
- **Kutubahiriza Ubuzima n'Umutekano ku kazi,**
- **Gukoresha Abana imirimo mibi,**
- **Kutubahiriza amahame y'imishyikirano rusange hagati y'Umukoresha n'Abakozi n'ibindi.**

P.O. BOX 403 KIGALI E-mail :info@mifotra.gov.rw Website: www.mifotra.gov.rw Follow us on Twitter : @RwandaLabour

15. Mu rwego rwo gushakira igisubizo izi mbogamizi tumaze kugaragaza, Minisiteri y'Abakozi ba Leta n'Umurimo ku bufatanye n'Inzego zitandukanye muhagarariye, yateguye iyi nama.

16. Kubirebana n'Ubuzima n'Umutekano ku kazi, kubufatanye bwa Minisiteri y'Abakozi ba Leta n'Umurimo, RSSB n'izindi Nzego hashyizweho Gahunda y'ibikorwa y'imyaka itanu igamije guteza imbere ubuzima n'Umutekano ku kazi mu Nzego za Leta n'iz'Abikorera.

17. Iyo Gahunda y'Imyaka Itanu tukaba turayitangiriza hano kuri uyu Munsi twizihizaho Umunsi Mpuzamahanga w'Ubuzima n'Umuyekano ku kazi.

18. Iyi Nama kandi igamije kurebera hamwe no kungurana ibitekerezo ku ngamba zafatwa kugira ngo turusheho guteza imbere Umurimo no gukora Umurimo unoze hubahirizwa Amategeko y'Umurimo.

19. Ibyo bizadufasha twese nk'Abakoresha n'Abakozi kugera ku Iterambere twifuza, bityo dukomeze guteza imbere Igihugu cyacu muri rusange.

P.O. BOX 403 KIGALI E-mail :info@mifotra.gov.rw Website: www.mifotra.gov.rw Follow us on Twitter : @RwandaLabour

- **Nyakubahwa Guverineri w'Intara y'Iburasirazuba;**
- **Bayobozi b'Uturere tugize Intara y'Iburasirazuba;**
- **Uhagarariye Urugaga rw'Abikorera n'Uhagarariye Amasendika;**
- **Uhagarariye RSSB;**
- **Bayobozi b'Ibigo bitandukanye;**

20. Kubera iyi Nama igamije kungurana ibitekerezo, simfata umwanya munini.

21. Munyemerere nongere mbashimire nsaba kandi ko iyi nama twayifatiramo ingamba zihamye zo kurushaho guteza imbere no kunoza Umurimo dukora hubahirizwa Amategeko atandukanye agenga Umurimo.

22. Tuzirikane kandi ko turi mucyumweru cyahariwe ibikorwa byo guteza imbere umurimo mu rwego rwo Kwitegura Kwizihiza Umunsi Mpuzamahanga w'Umurimo wizihizwa buri tariki ya 01 Gicurasi.

P.O. BOX 403 KIGALI E-mail :info@mifotra.gov.rw Website: www.mifotra.gov.rw Follow us on Twitter : @RwandaLabour

23. Mu Rwanda Umunsi Mpuzamahanga w'Umurimo tuzawizihiza k Nsanganyamasiko igira iti "Duteze imbere Umurimo utanga umusaruro, Twihutishe iterambere"/ *"Promote productive employment for rapid development"*.

24. Nk'abakoresha mu Nzego zose zinyuranye ni umwanya wo kuzirikana ko guharanira guteza imbere umurimo unoze kandi utanga umusarururo ari uburyo bwo guteza imbere ubukungu bw'Igihugu muri rusange n'ubw'Ikigo n'Abakozi by'umwihariko;

25. Ndizera ko muri iki Cyumweru cyahariwe umurimo no ku munsi mpuzamahanga w'umurimo nyirizina uzizihizwa tariki ya 01 Gicurasi 2018, mwese mu Bigo byanyu, muzagira umwanya wo kuganira n'abakozi ku bijyanye n'uburyo bunoze umurimo wakorwamo, mushimangira guteza imbere umurimo no kugera ku byiza bigamije gukomeza kubaka u Rwanda twifuza.

26. Mboneyeho gufungura ku mugaragaro iyi nama, no kubifuriza umunsi mwiza w'Ubuzima n'Umutekano ku kazi twizihiza uyu munsi.

27. Muzagire kandi Umunsi Mwiza w'Umurimo.

28. Murakoze. Mugire Amahoro y'Imana.

P.O. BOX 403 KIGALI E-mail :info@mifotra.gov.rw Website: www.mifotra.gov.rw Follow us on Twitter : @RwandaLabour